**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**
**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ku itariki ya 22 Ukuboza 2010, kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya ("TPIY") nizimara kurangiza manda yazo ruzakomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi zari zifite.*

# Incamake y'inyandiko y'urubanza

**URUGEREKO RW'UBUJURIRE**

*(Iyi nyandiko igenewe itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT)*

Arusha, Tanzaniya, tariki ya 22 Ukwakira 2024

**Incamake y'inyandiko y'*Urubanza Porokireri aburana na Gérard Ntakirutimana***

Iyi ni incamake y'Inyandiko y'urubanza Umucamanza Graciela Gatti Santana yasomye uyu munsi

**Intangiriro**

Nk'uko byavuzwe mu rukiko ku itariki ya 19 Ugushyingo 2024, Urugereko rw'Ubujurire rugiye gusoma urubanza rwerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza. Impamvu zanditse zashingiweho mu mikirize y'urubanza zizatangwa nyuma. Ibi biteganywa mu Ngingo ya 122(A) na (C) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT. Ibyo dusoma uyu munsi ni incamake y'imyanzuro y'ingenzi Urugereko rw'Ubujurire rwafashe. Inyandiko y'urubanza, nimara gutangwa, ni yo yonyine izagenderwaho ku byerekeranye n'imikirize y'uru rubanza.

Uru rubanza rwerekeranye n'Icyifuzo cya Gérard Ntakirutimana gisaba ko ibyemezo byamuhamije ibyaha bisubirwamo, hashingiwe ku kuba umutangabuhamya ushinja wiswe HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko, mu rw'iremezo, mu rubanza rwa Ntakirutimana rwaburanishijwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR). Ubuhamya bwa HH ni bwo bwonyine bwashingiweho mu guhamya ibyaha Ntakirutimana ku byerekeranye n'ibyabereye ku gasozi ka Gitwe, hafi y'ikigo cy'amashuri abanza cya Gitwe, mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi 1994.

Hagati ya Mata 1993 na Mata 1994, Ntakirutimana yari umuganga mu Bitaro by'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bya Mugonero, muri Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda.

Mu iburanisha ry'urubanza mu rw'iremezo muri TPIR, HH yatanze ubuhamya mu Rukiko avuga ko yabonye Ntakirutimana ku gasozi ka Gitwe ku itariki idasobanurwa, ahagana mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi 1994. By'umwihariko, uyu mutangabuhamya yavuze ko Ntakirutimana yirukankanye impunzi z'Abatutsi ndetse akazirasaho, mu gitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwe, aho uyu mutangabuhamya yari yahungiye ubwicanyi.

Ku itariki ya 21 Gashyantare 2003, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, I rwa TPIR rwahamije Ntakirutimana icyaha cya jenoside, n'ubuhotozi nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu. Yakatiwe igihano cy'igifungo cy'imyaka 25.

Ku itariki ya 13 Ukuboza 2004, Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIR rwagumishijeho ibyemezo bihamya Ntakirutimana icyaha cya jenoside, n'ubuhotozi nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu, rufata n'ibindi byemezo bimuhamya icyaha cyo gushyigikira ikorwa rya jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu, kandi rugumishaho igihano cy'igifungo cy'imyaka 25 yakatiwe. Ku itariki ya 26 Werurwe 2014, ubu hashize imyaka irenga icumi, Perezida wa IRMCT yemereye Ntakirutimana gufungurwa mbere y'igihe.

Ku itariki ya 14 Ukuboza 2023, Ntakirutimana yatanze Icyifuzo gisaba ko imikirize y'urubanza mu bujurire n'ibyemezo byamuhamije ibyaha bisubirwamo. Ku itariki ya 21 Gicurasi 2024, uru Rugereko rw'Ubujurire rwemeye Icyifuzo cye, kuri bimwe, maze rufata umwanzuro uvuga ko ibivugwa ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko, nyuma y'uko urubanza rusomwe mu bujurire, ari ikimenyetso gishya. Urugereko rw'Ubujurire rwavuze kandi ko icyo kimenyetso gishya, iyo kiza kuba cyaratanzwe, cyashoboraga kuba kamara mu ifatwa ry'icyemezo cya mbere kubera ko ubuhamya bwa HH ari bwo bwonyine bwashingiweho mu guhamya Ntakirutimana icyaha cyo gushyigikira ikorwa rya jenoside, n'itsembatsemba ku byerekeranye n'igitero cyagabwe ku gasozi ka Gitwe, hafi y'ikigo cy'amashuri abanza cya Gitwe, mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi 1994. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rw'Ubujurire rwemeje ko habaho iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza, kugira ngo ababuranyi batange ibimenyetso byerekeranye n'icyo kimenyetso gishya.

Ku itariki ya 18 Nzeri 2024, Urugereko rw'Ubujurire rwashyizeho ingengabihe y'iryo buranisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza kandi, muri urwo rwego, rwemerera Ntakirutimana guhamagaza HH wenyine kugira ngo atange ubuhamya mu Rukiko. Rwashimangiye ko iryo buranisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza ryagombaga kwibanda ku gusuzuma niba ibivugwa ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko bikwiye kwizerwa, by'umwihariko ku byerekeranye n'ibyabereye ku gasozi ka Gitwe, hafi y'ikigo cy'amashuri abanza cya Gitwe.

Iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza ryabaye ku itariki ya 18 no ku ya 19 Ugushyingo 2024. Nyuma yo kumva ubuhamya bwa HH, Urugereko rw'Ubujurire rwumvise imyanzuro y'ababuranyi, mu magambo,

ku byerekeranye no kumenya niba Ntakirutimana yaragaragaje ko ibivugwa ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko mbere ari ukuri.

**Uko ibyerekeranye no kwisubiraho kwa HH maze agahindura ubuhamya yatanze mu Rukiko byakurikiranye**

Ibyo kwisubiraho kwa HH maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Ntakirutimana byatangiriye mu rubanza rwaregwagamo Jacques Mungwarere, rwaburanishijwe n'urukiko rwo muri Kanada. Ku itariki ya 18 Ugushyingo 2011, HH yabonanye n'abahagarariye Ubushinjacyaha bwa Kanada n'abahagariye Ubwunganizi mu rubanza rwa Mungwarere maze avuga ko yashinje ibinyoma Mungwarere. Ubwo Avoka wunganira Jacques Mungwarere yari amubajije ku byerekeranye n'ubuhamya yatanze mu Rukiko muri TPIR, uyu mutangabuhamya yemeje ko ubuhamya yatanze mu Rukiko ashinja Ntakirutimana ari ukuri kandi ko atabeshye.

Mu buhamya bwanditse yahaye Ubwunganizi bwa Mungwarere ku itariki ya 3 Ukuboza 2011, uyu mutangabuhamya yavuze ko hari hashize igihe kinini atanze ubuhamya bushinja Ntakirutimana, ko atigeze abona Ntakirutimana agira umuntu arasa, kandi ko ubuhamya yatanze mu Rukiko muri TPIR atari ukuri. Nyamara ariko, mu ibazwa ryo ku itariki ya 13 Gashyantare 2012, ryerekeranye n'urubanza rwa Mungwarere, HH yemeje ubuhamya yatanze mu Rukiko muri TPIR bushinja Ntakirutimana.

Mu Ukwakira no mu Ugushyingo 2012, HH yatanze ubuhamya mu rukiko rwo muri Kanada mu rubanza rwa Mungwarere. Muri urwo rubanza, yavuze ko atavuze ukuri muri TPIR, ko yashinje ibinyoma Ntakirutimana na se, ko yabikoreshejwe n'umujinya no kwihorera, ko yavuze ko Ntakirutimana yagize uruhare mu byakozwe n'abandi bantu bagabye igitero kugira ngo ubuhamya bwe mu Rukiko burusheho kugaragara nk'ukuri, kandi ko yashakaga kwihorera ku Bahutu, kugera ubwo yafungurwaga mu mwaka wa 2011. Umucamanza wo muri Kanada yafashe umwanzuro uvuga ko ubuhamya bwe bukwiye kwizerwa cyane.

HH yatanze kandi ubuhamya bwanditse ku itariki ya 18 Ugushyingo 2013 mu rubanza rwaburanishijwe n'urukiko rwo mu Bwongereza. Yemeje ko yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko ashinja Ntakirutimana muri TPIR. HH yavuze ko yafashe icyemezo cyo kuvuga ukuri nyuma y'uko, mu mwaka wa 2011, afunzwe bamubeshyera ko yishe umuntu, avuga kandi ko yabikoze atitaye ku ngaruka azahura na zo.

Nyuma y'ukwezi kumwe, ku itariki ya 18 Ukuboza 2013, Ntakirutimana yashyikirije IRMCT Icyifuzo gisaba ko hashyirwaho incuti y'Urukiko kugira ngo ikore iperereza kuri HH kubera ko yatanze ubuhamya bw'ikinyoma mu Rukiko, mu rubanza rwa Ntakirutimana. Ku itariki ya 7 Mutarama 2014, hashyizweho Umucamanza umwe rukumbi kugira ngo asuzume icyo kibazo. Ku itariki ya 2 Werurwe 2016, uwo Mucamanza yafashe umwanzuro uvuga ko hari impamvu zikomeye zituma umuntu atekereza ko HH yatanze ubuhamya bw'ikinyoma, abizi kandi abishaka, mu

rubanza rwa Ntakirutimana, nuko ashyikiriza icyo kibazo Perezida wa IRMCT, maze na we, ashingiye ku Mategeko, ashyiraho undi Mucamanza umwe rukumbi wo gusuzuma niba uyu mutangabuhamya yakurikiranwaho icyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma.

Ku itariki ya 13 Kamena 2016, uwo Mucamanza umwe rukumbi yategetse ko hashyirwaho incuti y'Urukiko kugira ngo ikore iperereza rigamije kumenya niba HH yaratanze ubuhamya bw'ikinyoma mu rubanza rwa Ntakirutimana no kumenya niba iby'uko, ubwo yari mu rukiko rwo muri Kanada, yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko mbere ari ibihimbano. Incuti y'Urukiko yashyizweho ku itariki ya 10 Ukwakira 2016.

Mu iperereza ryayo, Incuti y'Urukiko yasuzumye ibimenyetso bigizwe n'inyandiko byinshi kandi ibaza ibibazo abahagarariye Ubushinjacyaha n'abahagarariye Ubwunganizi mu rubanza rwa Mungwarere ndetse ibaza ibibazo HH. Ubwo Incuti y'Urukiko yamubazaga ibibazo, ku itariki ya 9 Gicurasi 2017, HH yemeje ko yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko ashinja Ntakirutimana.

Incuti y'Urukiko yasoje iperereza ryayo ku itariki ya 28 Kanama 2017. Yasanze HH yarakomeje gushimangira ibisobanuro atanga ku mpamvu zamuteye gushinja Ntakirutimana ibinyoma no gufata icyemezo cyo kwisubiraho akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko. Incuti y'Urukiko yafashe umwanzuro uvuga ko HH yatanze ubuhamya bw'ikinyoma muri TPIR mu rubanza rwa Ntakirutimana, abizi kandi abishaka kandi ko hari impamvu zihagije zituma yakurikiranwaho icyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma. Incuti y'Urukiko yafashe kandi umwanzuro uvuga ko kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhammya yatanze mu Rukiko ashinja Ntakirutimana atari ibihimbano.

Ku itariki ya 20 Ugushyingo 2017, mu Cyemezo Umucamanza umwe rukumbi yafashe, yavuze ko HH, mu buryo bweruye, yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko ashinja Ntakirutimana kandi ko hari impamvu zihagije zituma uyu mutangabuhamya yakurikiranwaho icyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma. Cyakora, iryo kurikiranacyaha ryarahagaritswe burundu kubera ko uko ibintu byose byagenze muri uru rubanza bitashyigikiraga ko ryabaho. Umucamanza umwe rukumbi yavuze kandi ko kudakurikirana HH bitabuza Ntakirutimana kuba yasaba ko ibyemezo byamuhamije ibyaha bisubirwamo hashingiwe ku kuba uyu mutangabuhamya yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko.

Ku itariki ya 17 Ugushyingo 2019, HH yabajijwe ibibazo n'ikipe y'Ubwunganizi bwa Ntakirutimana. Mu byo uyu mutangabuhamya yavuze harimo ko ubuhamya yatanze mu Rukiko muri TPIR ashinja Ntakirutimana, harimo n'ibyabereye ku gasozi ka Gitwe, ari ikinyoma. Mu buhamya bwanditse bwo ku matariki ya 18 na 19 Ugushyingo 2019 HH yahaye ikipe y'Ubwunganizi bwa Ntakirutimana, yemeje ko yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko.

**Iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza**

Mu buhamya yatanze mu Rukiko mu iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza, HH yemeye ko, mu iburanisha ry'urubanza rwa Ntakirutimana mu rw'iremezo, yavuze mu buhamya yatanze mu Rukiko ko Ntakirutimana yari mu bantu bagabye igitero ku gasozi ka Gitwe kandi ko yarashe umugabo witwa Esdras. HH yavuze ko ubwo buhamya yatanze mu Rukiko mu rw'iremezo ari ikinyoma kandi ko atigeze abona Ntakirutimana mu gitero cyagabwe kuri ako gasozi. HH yasobanuye ko yatanze ubwo buhamya kubera ko "nk'Abatutsi twari dufite imiryango yatsembwe n'Abahutu, jenoside yaduteye akababaro gakomeye cyane". Nk'umuntu warokotse jenoside wari ufite umujinya, HH avuga ko yasanze gutanga ubuhamya bw'ikonyoma ari uburyo bwo kwihorera ku Bahutu.

HH avuga ko hagati ya Mutarama na Mata 2011, yafunzwe nyuma yo gushinjwa ubuhotozi bamubeshyera. HH yavuze mu buhamya bwe ko, muri icyo gihe yari afunzwe, yababaye cyane akumva yarahawe akato kubera ko yari afunganywe n'abandi Bahutu yari yarashinje mu manza za Gacaca. Avuga ko yasenze akumva ijwi ry'Imana rimubwira ko igihano cye ari ubusa ugereranyije n'abantu yashinje baguye muri gereza. HH akomeza avuga ko yumvise iryo jwi rimubaza ngo "Uramutse uhawe ubutabera, wowe ku ruhande rwawe wakora iki?". Avuga ko yasubije iryo jwi ati "Niba hari umuntu nabeshyeye akaba yarapfuye, nzasaba Imana imbabazi. Niba hari umuntu nashinje ibinyoma ugifunzwe, niyemeje kutazabisubira". HH avuga mu buhamya bwe ko, nyuma y'ibyo byamubayeho, Umushinjacyaha yaretse kumukurikirana maze agafungurwa. HH avuga ko amaze kuva muri gereza yari aremerewe kubera ubuhamya bw'ikinyoma yari yaratanze maze yiyemeza gutangira kuvuguruza ubuhamya yari yaratanze mbere, akabikorera mu rukiko.

Ubwunganizi buvuga ko kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere ari ikintu yakoze abikuye ku mutima kandi ko kimwe mu bibigaragaza ari uko muri dosiye nta buhamya bwakwizerwa burimo bugaragaza ko, mu kwisubiraho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere muri uru rubanza cyangwa mu zindi, yaba yarahawe ruswa. Ubwunganizi buvuga kandi ko mu rubanza rwa Mungwarere, aho na none yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya bushinja yari yatanze mu Rukiko, urukiko rwo muri Kanada rwafashe umwanzuro uvuga ko ubuhamya bwe ari ubwo kwizerwa kandi ko, imaze gukora iperereza ryimbitse, Incuti y'Urukiko yemeje ko hari impamvu zihagije zituma yakurikiranwaho icyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma. Bimwe mu byo Porokireri avuga ni uko kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko bitakwizerwa kandi bitashingirwaho, ko byatewe n'ibyo yahawe ndetse no kuba yarakoreshejwe, kandi ubuhamya bwe butujuje igipimo fatizo gihanitse gisabwa kugira ngo icyemezo cyafashwe mu rubanza rwaciwe burundu kivanweho. Porokireri yasabye kandi igihe cy'inyongera cyo gukora iperereza kuri uko kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko.

**Isesengura n'imyanzuro**

Mbere na mbere, ibyo Porokireri avuga ko akwiye guhabwa igihe cy'inyongera cyo gukora iperereza ku byerekeranye no kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko nta shingiro bifite. Kuva nibura mu Ukuboza 2013, igihe Ntakirutimana yasabaga IRMCT gukora iperereza kuri HH ku cyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma, Porokireri yari azi ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko. Byongeye kandi, mu mwaka wa 2018, Ntakirutimana yahawe Avoka wo kumufasha gutegura icyifuzo gisaba ko imikirize y'urubanza rwe isubirwamo hashingiwe ku mwanzuro uvuga ko hari impamvu zihagije zituma hatangizwa ikurikiranacyaha kubera ubuhamya bw'ikinyoma. Urugereko rw'Ubujurire rusanga kandi, kuva Itegeko rishyiraho ingengabihe y'iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza ryatangwa, Porokireri atarasabye guhabwa igihe cy'inyongera cyangwa ko iryo buranisha ryigizwa inyuma. Kuba Porokireri yarategereje umunota wa nyuma kugira ngo atangire iperereza si impamvu ishyize mu gaciro yatuma uru rubanza rudacibwa burundu.

Ku byerekeranye n'ikibazo cy'ingenzi twashyikirijwe, Urugereko rw'Ubujurire rwasuzumye, rubyitondeye, ubuhamya HH yatanze mu Rukiko n'uko byagenze kugira ngo yisubireho maze avuguruze ubuhammya yatanze mu Rukiko. Urebye, usanga impamvu zatumye yiyemeza gutanga ubuhamya bw'ikinyoma nyuma akisubiraho maze akabuvuguruza zigaragara nk'ukuri. Urugereko rw'Ubujurire rushobora rero kumva neza impamvu Incuti y'Urukiko muri uru rubanza yemeje ko hari impamvu, ukizibona, usanga zatuma HH akurikiranwaho icyaha cyo gutanga ubuhamya bw'ikinyoma.

Cyakora, kwemera ko HH yabeshye koko mu buhamya yatanze mu Rukiko, yaje kuvuguruza, bityo icyemezo gihamya Uregwa icyaha burundu kikaba cyavanwaho, bisaba ko Urugereko rubisuzuma rubyitondeye cyane. Urugereko rw'Ubujurire rutewe impungenge no kuba, ku itariki ya 18 Ugushyingo 2011, igihe yabazwaga n'Umushinjacyaha wo muri Kanada n'Avoka wunganira Uregwa ku byerekeranye n'ubuhamya yatanze ashinja Ntakirutimana, HH yaremeje ko ubuhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Ntakirutimana ari ukuri. Icyo gihe hari hashize amezi make ibyamubayeho ari muri gereza byerekeranye n'imyemerere nyobokamana ye bibaye. Iki ni ikintu gitangaje by'umwihariko kubera ko muri iryo bazwa, HH, agendeye ku "isezerano" rye ko atazongera kubeshya ahubwo azavuga ukuri, yisubiyeho maze akavuguruza ibyo yari yaravuze mbere ashinja Jacques Mungwarere. Mu iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza, bamubajije ikibazo kuri iyi ngingo, HH nta gisobanuro gishyize mu gaciro yatanze ku mpamvu yatumye muri iryo bazwa atavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko. Byaragaragaraga ko mu bisubizo bye agenda ahunga ikibazo.

Urugereko rw'Ubujurire rusanga kandi, nyuma y'iki gihe, HH atarakomeje kwemeza ko yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere. Nk'uko byavuzwe haruguru, mu ibazwa ryabaye ku itariki ya 3 Ukuboza

2011, yamenyesheje Ubwunganizi mu rubanza rwa Mungwarere ko ubuhamya yatanze muri TPIR ashinja Ntakirutimana bwari ikinyoma, ariko mu rindi bazwa ryabaye nyuma yaho, muri Gashyantare 2012, yongera kwemeza ibyo yavuze mu buhamya yatanze mu Rukiko muri TPIR ashinja Ntakirutimana.

Urugereko rw'Ubujurire rurazirikana ko nyuma yaho HH yakomeje kuvuga ko ubuhamya yatanze mu Rukiko muri uru rubanza bwari ikinyoma ndetse ko yakomeje kubyemeza n'ubwo yashoboraga gukurikiranwa. Cyakora, Urugereko ruzirikanye ibyo avuga, biremereye, ku byerekeranye n'impamvu yatangiye kwisubiraho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko, rusanga igisubizo yatanze mu ibazwa ryo mu Ugushyingo 2011 yemeza ko ubuhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Ntakirutimana ari ukuri gituma umuntu ashidikanya cyane ko impamvu zatumye yiyemeza kwisubiraho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko muri uru rubanza ari ukuri kandi kigatuma umuntu yibaza cyane niba uko kwisubiraho no kuvuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko ubwabyo ari ukuri. Kuri iyi ngingo, Urugereko rw'Ubujurire rusanga HH yaremeje ko yavuze ukuri mu buhamya yatanze mu Rukiko ashinja abandi bantu barezwe muri TPIR, bikagaragaza ko mu gihe yatangaga ubuhamya muri uru rubanza yumvaga uburemere bw'indahiro yakoze muri TPIR.

Hari izindi mpamvu zerekeranye no kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere zikwiye na zo kuzirikanwa. Harimo kuba acuditse cyane na Gérard Muhayimana, umuvandimwe wa Jacques Mungwarere no kuba, by'umwihariko, yemera ko hari amafaranga make Gérard Muhayimana n'umugore we bagiye bamuha. Uko biri kose, aya mafaranga si menshi kandi ibimenyetso ntibigaragaza ko yayahawe kugira ngo, by'umwihariko, atange ubuhamya bw'ikinyoma. Cyakora, icy'ingenzi ni uko Urugereko rusanga uyu mutangabuhamya yaremeje, mu buryo bweruye, ko Gérard Muhayimana cyangwa umugore we nta mafaranga bigeze bamuha. Porokireri amaze kumubwira ko afite gihamya y'uko hari amafaranga bamuhaye, ni bwo HH yabyemeye. Yagize ati: "Sinari nzi ko ufite inyandiko zigaragaza iryo hererekanya ry'amafaranga". Ibi bitera kwibaza niba yavugisha ukuri ku ngingo ikomeye. HH kandi yarezwe hamwe na Gérard Muhayimana n'abandi bantu, bose bunganirwaga n'Avoka umwe, ikirego cya ruswa mu byerekeranye n'urubanza rwa Mungwarere. N'ubwo byemejwe ko HH ari umwere, yemera ko hari amakuru yamenye avuga ko umuryango wa Jacques Mungwarere wahaga amafaranga bamwe mu batangabuhamya. N'ubwo iyi atari impamvu kamara, bituma habaho izindi mpungenge ku byerekeranye n'uko byagenze kugira ngo HH atangire kwisubiraho no kuvuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko mu manza zinyuranye, n'uru rurimo, ahereye ku rwa Mungwarere.

Kubera ibimaze kuvugwa, Urugereko rw'Ubujurire rusanga Ubwunganizi butagaragaza ko kuba HH yarisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere ari ikimenyetso cyakwizerwa bihagije, ku buryo cyagaragaza ko mu iburanisha ry'urubanza rwa Ntakirutimana mu rw'iremezo uyu mutangabuhamya yamushinje ibinyoma. By'umwihariko, Urugereko rw'Ubujurire rurazirikana ko, mu ibazwa ryo mu Ugushyingo 2011, uwo

mutangabuhamya yemeje ko yavuze ukuri mu byo yashinje Ntakirutimana kandi ko hari ukwivuguruza mu byo yavuze nyuma mu Ukuboza 2011 no muri Gashyantare 2012 ku byerekeranye no kuba yaba yarisubiyeho akavuguruza ubuhamya yatanze mbere muri TPIR.

**Umwanzuro**

Urugereko rw'Ubujurire ruributsa ko rwemeye ko habaho urubanza rwerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza kugira ngo hasuzumwe niba ibivugwa ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere ari ukuri. Kubera impamvu zamaze kuvugwa, Urugereko rw'Ubujurire rusanga Ntakirutimana atagaragaza ko ikimenyetso gishya kivuga ko HH yisubiyeho maze akavuguruza ubuhamya yatanze mbere muri TPIR mu rubanza rwa Ntakirutimana, ari ukuri.

Ubuhamya bwatanzwe mu iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza na bwo butuma umuntu yibaza niba HH yakwizerwa. Cyakora Urugereko rw'Ubujurire ntirupfa guhindura, nta mpamvu ikomeye, isesengura ry'ukwizerwa k'umutangabuhamya, ryakozwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kandi rikemezwa mu bujurire, hashingiwe ku myitwarire uyu mutangabuhamya yagaragaje nyuma y'imyaka irenga icumi atanze ubuhamya mu rw'Iremezo.

Kubera iyo mpamvu, Urugereko rw'Ubujurire, rushingiye ku Ngingo ya 24 ya Sitati ya IRMCT no ku Ngingo ya 147 y'Amategeko, ku bwumvikane bw'Abacamanza bose barugize, rusanze Ntakirukimana atagaragaza ko ikimenyetso gishya ari ukuri.

Umucamaza Antonetti azomeka ku Nyandiko y'urubanza igitekerezo cyemeranya n'icy'abandi Bacamanza.